UMUHANGO WO KWIBUKA PADRI NKEZABERA AUGUSTIN WAPFUYE AZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU W'1994

''Padri Augustin NKEZABERA ,nubwo tumwibuka uyu munsi, ntiyapfuye yaratabarutse. Duhora tumubona mu maso yacu.'' Ayani amagambo yakunze kugarukwaho na benshi mu muhango wo kwibuka Padri Augustin NKEZABERA kuri uyu wa gatatu taliki ya 09 mata 2019 muri Paruwasi Sainte Marie Médiatrice MURAMBA.

Padiri Augustin NKEZABERA yavukiye muri Diyosezi ya Nyundo Paruwasi ya Nyange mu mwaka w'i 1959. Yabaye umusaserdoti wa Diyosezi Nyundo, aho yagiye akora ubutumwa muri paruwasi zinyuranye z'iyi Diyosezi. Mu gihe cya Jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda muri mata1994, Padiri Augustin NKEZABERA yari padiri mukuru wa Paruwasi Sainte Marie Médiatrice MURAMBA, aha ni naho yarangirije ubuzima bwe bwo kuri iy'isi ku italiki ya 09 mata 1994,azize jenoside yakorewe abatutsi.

Gahunda yo kwibuka Padiri Augustin NKEZABERA yari iteye ku buryo bukurikira: Igitambo cya Misa, kunamira Padiri Augustin NKEZABERA aho ashyinguye ndetse no Gukaraba.

1. IGITAMBO CYA MISA

Igitambo cya Misa yo gusabira Padiri Augustin NKEZABERA cyatuwe na Padri Jean Colbert NZEYIMANA, Padri Mukuru wa Paruwasi Sainte Marie Médiatrice MURAMBA, ari kumwe n'abandi bapadiri baje baturutse muri doyenne ya Muramba ndetse na Padri Jean Paul RUTAKISHA ,padiri mukuru wa paruwasi ya Muhororo.

Amasomo matagatifu twazirikanyeho mu gitambo cya Misa ;Isomo rya mbere ryavuye mu Gitabo cya Mwene

Siraki(Sir 44,1-15), Zaburi ya 21, Isomo rya kabiri ryavuye mu Ibaruwa Pawulo Mutagatifu Intumwa yandikiye Abanyaroma (Rm 8,31-39) naho Ivanjili ni Ivanjili yanditswe na MutagatifuYohani intumwa (Jn 15,11-21).

Mu nyigisho ye , Padiri wayoboye igitambo cy'Ukaristiya yagarutse ku Isomo rya mbere ryavuye mu Gitabo cya Mwene Siraki avuga ko abatubanjirije dushobora kubibukira kuri byinshi , ariko by'umwihariko twibuka cyane cyane ababaye INDAHEMUKA: abantu baranzwe n'ineza, ibikorwa byabo by'ubutungane ntibyibagirana; ababakomokaho bakomeza umurage mwiza, ari wo uranga n'urubyaro rwabo,urubyaro rwabo ruzabaho iteka n'ikuzo ryabo ntirizasibangana…(Sir 44,10-13),bityo iyi ikaba ari impamvu natwe twahujwe no kwibuka intwari yacu Padri Augustin NKEZABERA. Yibukije kandi ko Kiliziya yagiye igira abatagatifu,abana bayo bagiye bagaragaza ubutwari mu rukundo, maze ikajya ibibuka buri mwaka.Yibukije kandi ko n'Umwepiskopi wacu wa Diyosezi ya Nyundo adahwema guhamagarira abakristu bose umuco mwiza wo kujya bibuka abasaserdoti bapfuye bazize Jenoside yakorewe abatutsi 1994. Ubutumwa bwa padiri Augustin NKEZABERA bwaranzwe no kubahiriza intego yari yarihaye igihe ahawe Ubusaserdoti[1]. Yibukije ko Intego ya padri Augustin NKEZABERA yari iyi :**Icyubahiro cyawe Dawe kibe kurwanirira Ukuri, Ubugwaneza n'ubutabera (Zaburi).** Yibukije kandi ko dufite ingero nziza z'abapadri b'abanyarwanda ndetse n'abandi bihayimana ,bamwe bakiriho , abandi batakiriho, bagiye bagaragaza ubwitange bwabo mu kurengera[2] abahigwaga muri Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, bityo tukaba dufite ABARINZI B'IGIHANGO kandi muri aba hakaba harimo n'abasaserdoti bagiye bitangira abo baragijwe. Ubu bwitange nibwo bwaranze Padiri Augustin NKEZABERA nk'uko umwe mu basaserdoti wacukumbuye amateka y'ubuzima bwe yagize ati**"Padri Augustin NKEZABERA ntiyapfuye ,yaratabarutse atahana isheja mpora mubona ari**

[1]Iyo umuntu wiga mu Iseminari nkuru agiye guhabwa Ubupadri ahitamo intego azajya agenderaho mu butumwa bwe. Akenshi iyi ntego ayikura muri Bibiliya Ntagatifu.

[2] Ikinyamakuru KIGALI TODAY mu nkuru yacyo yo ku wa 18 mata 2015-11:03' yitwa AMATEKA YA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MURI NGORORERO (Igice cya II), iki kinyamakuru cyibutsa ko ''bamwe mu barwanye kubatutsi ndetse abenshi bakahasiga ubuzima harimo Padiri NKEZABERA Augustin wari muri Paruwasi ya Muramba wajyaga mu cyaro agafata abatutsi bahigwaga hamwe n'abakomerekejwe akabazana kuri Paruwasi kuva mu w'1991, ariko yicwa mu w'1994.

Hari kandi Musenyeri GASORE Louis, Padiri RWIGENZA Francois, bari I Kibirira muri Paruwasi ya MUHORORO n'ababikira batandukanye. Aba nabo ngo babashije gufasha abatutsi igihe kirekire kugeza ubwo banze ko Interahamwe zinjira mu nzu bari barabahungishirijwemo, ariko mu 1994 zibanza Kubica mbere yo gutikiza abatutsi ibihumbi 24 nk'uko KABANDA Aimable wahahungiye kuva 1990 abivuga. Undi warwanye ku batutsi igihe kirekire kuva mu 1990, ni Padiri NTIYAMIRA Prosper wabaga muri paruwasi yaRususa.

muzima mu maso yanjye, kandi koko ari mu Ijuru kwa Jambo, hahandi hatarangwa urupfu. Ari mu maso y'Uhoraho. Yatanze ubuzima bwe maze Imana nyir'ubuzima ibumusubiza ubuziraherezo. Ni muzima, hapfuye abamwishe kandi bo bapfuye rubi kuko bapfuye bahagaze. Nibadahinduka bazapfa burundu[…..] Padiri Augustin NKEZABERA ntazigera yibagirana bibaho ,azakomeza yibukwe[….]."[3]

Padiri mukuru mu gusoza inyigisho ye ,yibukije abari mu Misa bose ko Abakristu ba Muramba bazajya bahora bibuka Padiri Augustin NKEZABERA maze akababera urugero, baba abasaerdoti bahakorera ubutumwa, baba abakristu ba paruwasi ya Muramba.

2. KUNAMIRA PADIRI AUGUSTIN NKEZABERA AHO ASHYINGUYE

Uyu muhango wo kunamira Padiri A. NKEZABERA aho yashyinguwe watangijwe n'isengesho , hakurikiraho gufata umunota wo kwibuka ,hakurikiraho gushyira indabo kumva , hakurikiraho ubuhamya bw'umunyamuramba wabanye na Padiri NKEZABERA, Hakurikiraho ubuhamya bw'umwe mu bo mu muryango wa Padiri , ijambo ry'uhagarariye Ibuka mu murenge wa Hindiro, hasoza ijambo ry' Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Hindiro. Abagiye bafata ijambo ndetse n'abatanze ubuhamya bose bagiye bagaruka kubigwi byaranze Padri Augustin NKEZABERA, yanga gusiga intama yaragijwe n' Imana mu gihe cya Jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda mu w' I 1994. Bakomeje kandi bahumuriza umuryango wa Padiri ndetse n' abacitse ku icumurya Jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda mu w' I 1994 muri rusange, babifuriza kandi babashishikariza kwibuka biyubaka.

2.1. Isengesho no gufata umunota wo kwibuka

apfuye ,yaratabarutse

Isengesho ryatangijwe na Padiri Jean Paul

RUTAKISHA ,padiri mukuru wa Paroisse Muhororo, hakurikiraho gufata umunota wo kwibuka.

2.2. Gushyira indabo ku mva

Abasaseridoti n'umuryango wa Padiri A. NKEZABERA ndetse n'abandi bashyitsi bashyize indabo ku mva kandi baramwunamira.

2.3. Ubuhamya bw'umunyamuramba wabanye na Padiri NKEZABERA,

Umukristu WITWA Herman wa Paruwasi ya Muramba ,ari na we watanze ubuhamya yavuze ko Kuva mu 1992 Padiri A. NKEZABERA yitaga ku batutsi bahigwaga muri paruwasi ya Muramba, ndetse ngo n'abo Interahamwe zabaga zakomerekeje yajyaga kubavana iyo babaga bakomerekeye, akabitaho. Yavuze ko igihe Interahamwe zaciye amatiyo y'amazi yajyaga kuri paruwasi zibwira ko abahigwaga nibabura amazi baza gusohoka bajya kuvoma zikabica, Padiri A. NKEZABERA yafataga imodoka akajya kubavomera, kugira ngo hatagira uwo bicira mu nzira.

Yashoje avuga ko ku italiki ya 09 mata 1994 aribwo ibitero by'interahamwe byavuye ku Mukamira, Rambura na Kabaya bakaza bagahita bica Padiri A. NKEZABERA n'uko bakica abandi. Imana imuhe iruhuko ridashira!

2.4. Ubuhamya bw'umwe mu bo mu muryango wa Padiri Bwana DIOGENE uvukana na Padiri A. Nkezabera, yavuze birambuye ku buzima bwa mukuru we. Yavuze ko mu buzima bwe yarangwaga n'urukundo no kuvugisha ukuri ndetse no kutabogama. Ibi ngoyabitorejwe cyane cyane mu muryango Wa Croix Rouge yabagamo guhera mu buto bwe mu Iseminari Nto ku Nyundo (Petit Séminaire Saint Pie X de Nyundo). Yarangije ashimira abaje kwifatanya n'Umuryango we kwibuka Padiri A. NKEZABERA.

2.5. Ijambo ry'uhagarariye Ibuka mu murenge wa Hindiro

Uhagarariye Ibuka mu murenge wa Hindiro yibukije abaje ko bagomba kwibuka biyubaka kandi ashimira ingabo za FPR zabohoye igihugu.

2.6. Ijambo ry' Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Hindiro yashimiye abaje bose kubafasha kwibuka Padiri NKEZABERA wabaye intwari ,yibukije abaje bose , kandi ko bagomba kwibuka biyubaka ndetse ashimira ingaboza FPR zabohoye igihugu, asoza asaba buri wese kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside.

Uyumuhango wasoje abari aho bose bajya gukaraba muri SALLE CENTRE PASTORAL ya Paruwasi Muramba, nyuma yogukaraba bahabwa umugisha na Padiri mukuru wa paruwasi barataha.

Padiri NDACYAYISABA Donatien ,
UKORERA UBUTUMWA MURI PARUWASI KABAYA/DIYOSEZI NYUNDO.